**Article 17: Démission et révocation**

La démission de l'Auditeur Général ou l'Auditeur Général adjoint est présentée par

bigezwa, mu nyandiko, kuri Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi ikagenerwa kopi. Iyo Perezida wa Repubulika atagize icyo abivugaho mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), uhereye igihe yagerejweho inyandiko yo kwegura, ukwegura kuba kwemewe.

Gusezererwa ku murimo bikorwa binyuze mu Iteka rya Perezida wa Repubulika, bikamenyeshwa Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi.

Umugenzuzi Mukuru cyangwa Umugenzuzi Mukuru Wungirije uvuye ku murimo, ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa bitarenze igihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) avuyeho. Iyo avuyeho manda itarangiye, umusimbuye arangiza igihe yari asigaje.

**<u>Icyiciro cya 2</u> : Ubunyamabanga Bukuru**

**<u>Ingingo ya 18:</u> Ubunyamabanga Bukuru**

Ubunyamabanga bukuru buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru. Umunyamabanga Mukuru ashyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**<u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Urwego**

Umunyamabanga Mukuru afite inshingano zikurikira:

writing to the President of the Republic with a copy to both Chambers of Parliament. If the President of the Republic does not decide on it within a period of thirty (30) days after receipt of the letter, the resignation shall be deemed to have been accepted.

Removal from office shall be made through a Presidential Order and notified to both Chambers of the Parliament.

The Auditor General or Deputy Auditor General who ceases to hold office for whatever reason shall be replaced in a period not exceeding ninety (90) days after leaving office. If he/she leaves office before the end of his/her term, his/her replacement shall serve the remainder of his/her term of office.

**<u>Section 2</u>: General Secretariat**

**<u>Article 18:</u> General Secretariat**

The General Secretariat shall be headed by a Secretary General. The Secretary General shall be appointed by a Prime Minister's Order.

**<u>Article 19</u>: Responsibilities of the Secretary General of the Office**

The Secretary General shall have the following responsibilities:

écrit au Président de la République avec copie aux deux Chambres du Parlement. Si le Président de la République ne s'y prononce pas dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception de la lettre, la démission est réputée acceptée.

La révocation se fait par arrêté présidentiel et notifiée aux deux Chambres du Parlement.

L'Auditeur Général ou l'Auditeur Général adjoint qui cesse ses fonctions pour une raison quelconque est remplacé dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la cessation de ses fonctions. S'il cesse ses fonctions avant la fin de son mandat, son successeur termine le reste de son mandat.

**<u>Section 2</u>: Secrétariat Général**

**<u>Article 18:</u> Secrétariat Général**

Le Secrétariat Général est dirigé par un Secrétaire Général. Le Secrétaire Général est nommé par arrêté du Premier Ministre.

**<u>Article 19</u>: Attributions du Secrétaire Général de l'Office**

Les attributions du Secrétaire Général sont suivantes:

1° gutegura no gucunga ingengo y'imari n'umutungo by'Urwego;

2° gucunga abakozi b'Urwego;

3° gukusanya amategeko n'andi mabwiriza afitanye isano n'inshingano z'Urwego mu mikorere n'imikoranire yarwo ya buri munsi n'izindi nzego;

4° kubika inyandiko no gutegura raporo zerekeranye n'akazi;

5° gukora raporo y'imari n'umutungo by'Urwego;

6° gukora raporo y'ibikorwa by'Urwego;

7° kuzuza izindi nshingano ahawe n'Umugenzuzi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Sitati igenga abakozi, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo**

Sitati igenga abakozi b'Urwego ishyirwaho n'iteka rya Perezida.

Imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo bigenwa n'amabwiriza ashyirwaho n'Umugenzuzi Mukuru agatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

1° to prepare and manage the budget and property of the Office;

2° to manage the staff of the Office;

3° to collect laws and other regulations relating to the mission of the Office with respect to its functioning and daily relations with other organs;

4° to keep records and prepare reports related to service;

5° to prepare report of financial statement of the Office ;

6°to prepare the activity report of the Office;

7° to perform such other duties as may be assigned by the Auditor General.

**<u>Article 20</u>: Statute governing the staff, organization and responsibilities of the departments of the Office**

The statute governing the staff of the Office shall be laid down by a Presidential Order.

The organization and responsibilities of the departments of the Office shall be determined by instructions issued by the Auditor General and published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

1° assurer l'élaboration et la gestion du budget et du patrimoine de l'Office ;

2° assurer la gestion du personnel de l'Office ;

3° collecter les lois et autres règlements relatifs aux missions de l'Office en ce qui concerne son fonctionnement et ses relations quotidiennes avec d'autres organes;

4° tenir les registres et préparer les rapports relatifs au service;

5° élaborer le rapport sur les états financiers de l'Office;

6° élaborer le rapport d'activités de l'Office ;

7° exécuter toute autre tâche lui confiée par l'Auditeur Général.

**<u>Article 20</u>: Statut régissant le personnel, organisation et attributions des services de l'Office**

Le statut régissant le personnel de l'Office est fixé par arrêté présidentiel.

L'organisation et les attributions des services de l'Office sont déterminées par les instructions édictées par l'Auditeur Général et publiées au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 21: Ibitabangikanywa no kuba umwe mu bagize Urwego**

Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije n'Umunyamabanga Mukuru ntibagomba kugira akandi kazi gahemberwa bakora. Ntibagomba kandi kugira amasezerano, cyangwa gushora imari mu buryo ubwo ari bwo bwose bwabangamira akazi bakora.

**UMUTWE IV: IMIKORERE Y'IGENZURA**

**Ingingo ya 22: Uburenganzira ku biro**

Inzego cyangwa ibigo bigenzurwa bigomba guha ibiro byo gukoreramo bikwiye kandi bitavogerwa umukozi woherejwe gukora ubugenzuzi.

**Ingingo ya 23: Amahame ngenderwaho mu gukora ubugenzuzi**

Ubugenzuzi bukorwa hagendewe ku mahame mpuzamahanga yemewe hose, ku mategeko agenga ibaruramari n'umutungo wa Leta mu Rwanda, ku mategeko ngengamyitwarire no ku yandi mahame Umugenzuzi Mukuru yabona ko ari ngombwa kwifashisha mu kurangiza inshingano ze.

**Ingingo ya 24: Ubwoko bw'igenzura**

Ubwoko bw'igenzura ni ubu bukurikira:

**Article 21: Incompatibilities with the holding of office in the Office**

The Auditor General, Deputy Auditor General and Secretary General shall not take up any other paid employment. Neither shall they enter into contracts or make investments in any way likely to undermine the performance of their duties.

**CHAPTER IV: CONDUCT OF AUDIT**

**Article 22: Right to be provided with an office**

Organs or institutions being audited must provide a staff member tasked to conduct audit with an appropriate office with restricted access.

**Article 23: Auditing standards**

The audit shall be conducted in accordance with internationally recognized standards, laws governing the audit of State accounts and property in Rwanda, the Code of ethics and such other standards as the Auditor General may deem necessary for the performance of his/her responsibilities.

**Article 24: Types of audit**

The types of audit shall be the following:

**Article 21: Incompatibilités avec les fonctions de membre de l'Office**

L'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint et le Secrétaire Général ne peuvent exercer tout autre emploi rémunéré. Ils ne peuvent non plus conclure des contrats ou faire des investissements d'une quelconque manière susceptible de compromettre l'exercice de leurs fonctions.

**CHAPITRE IV: REALISATION DE L'AUDIT**

**Article 22: Droit à un bureau**

Les organes ou les institutions faisant l'objet de l'audit doivent mettre à la disposition du personnel d'audit dépêché un bureau approprié dont l'accès est limité.

**Article 23: Normes d'audit**

L'audit est effectué conformément aux normes internationalement reconnues, aux lois régissant l'audit des comptes et du patrimoine de l'Etat au Rwanda, au Code de déontologie et à d'autres normes que l'Auditeur Général peut juger nécessaires à l'accomplissement de ses attributions.

**Article 24: Types d'audit**

Les types d'audit sont les suivants :

1° ubugenzuzi bw'imari n'umutungo;

2° ubugenzuzi bw'amahame;

3° ubugenzuzi bucukumbuye.

Umugenzuzi Mukuru ashobora gukora irindi genzura ritagaragara muri iyi ngingo mu gihe asanze ari ngombwa cyangwa abisabwe n'Inteko Ishinga Amategeko.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Raporo y'ubugenzuzi**

Umugenzuzi Mukuru agomba gukora raporo y'ubugenzuzi kuri buri bwoko bw'ubugenzuzi yakoze hakurikijwe amahame mpuzamahanga agenga umwuga w'ubugenzuzi.

Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije cyangwa intumwa ye babujijwe kumena ibanga ry'ibyo bamenyeshejwe mu gihe cy'igenzura. Ibyo bamenyeshejwe byose bigomba gukoreshwa gusa mu buryo bujyanye no kuzuza inshingano zabo.

Ariko, uku kubuzwa kumena ibanga ntibishobora kubangamira Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije cyangwa intumwa ye kuba yashyira muri raporo ye imyanzuro n'ibikwiye gukorwa ashingiye ku byo yabashije kumenyeshwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

1° audit of finances and property;

2° performance audit;

3° forensic audit.

The Auditor General may, if deemed necessary or at the request of Parliament, conduct any type of audit other than those provided for in this Article.

**<u>Article 25:</u> Audit report**

The Auditor General must, in accordance with international auditing standards, prepare an audit report for each type of audit carried out.

The Auditor General, the Deputy Auditor General or the person delegated by him/her shall be bound by secrecy regarding information coming to their knowledge in the course of audit. All this information must be used only for the purpose of discharging their responsibilities.

However, the obligation of secrecy shall not be construed as impeding the Auditor-General, the Deputy Auditor General or the person delegated by him/her to include in his/her report any findings and recommendations based on information coming to his/her knowledge in a way provided for by this Law.

1° l'audit des finances et du patrimoine ;

2° l'audit de performance ;

3° l'audit juri-comptable.

L'Auditeur Général peut, en cas de nécessité ou à la demande du Parlement, procéder à tout autre type d'audit ne figurant pas parmi ceux visés au présent article.

**<u>Article 25</u>: Rapport d'audit**

L'Auditeur Général doit préparer un rapport d'audit pour chaque type d'audit qu'il a fait, conformément aux normes internationales d'audit,

L'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint ou la personne déléguée par lui sont tenus au secret des informations portées à leur connaissance au cours de l'audit. Toutes ces informations doivent être utilisées aux seules fins d'accomplissement de leurs attributions.

Toutefois, l'obligation de garder le secret ne peut être interprétée comme faisant obstacle à ce que l'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint ou la personne déléguée par lui puisse inclure dans son rapport les conclusions et recommandations quelconques sur base des informations portées à sa connaissance dans les conditions prévues par la présente loi.

**UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI**

**Ingingo ya 26: Umutungo w'Urwego n'inkomoko yawo**

Umutungo w'Urwego ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo w'Urwego ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari ya Leta;

2° inkunga, impano n'indagano.

**Ingingo ya 27: Igenzura ry'umutungo n'imari by'Urwego**

Ubugenzuzi Bukuru bugomba gutoranya buri mwaka Umugenzuzi wigenga wo gukorera Urwego ubugenzuzi hakoreshejwe ipiganwa risesuye. Raporo y'iryo genzura hamwe na raporo y'igenzura ryakozwe n'umuryango mpuzamahanga ugizwe n'ihuriro ry'inzego nkuru z'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo ikorerwa buri gihugu rimwe mu myaka ibiri (2), zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite zigasuzumwa na Komisiyo ishinzwe gukurikirana imari n'Umutungo by'Igihugu.

**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**

**Article 26: Property of the Office and its sources**

The property of the Office shall comprise movables and immovables.

The property of the Office shall come from the following sources:

1° State budget allocations;

2° Subsidies, donations and bequests.

**Article 27: Audit of property and finance of the Office**

Each year, the Office of the Auditor General must appoint an external auditor to conduct the audit of the Office through an open and competitive bidding process. The report of such an audit and the report of the audit covering each country conducted by the International Organization of Supreme Audit Institutions once every two (2) years shall be submitted to the Parliament, Chamber of Deputies and considered by the Public Accounts Committee.

**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**

**Article 26: Patrimoine de l'Office et ses sources**

Le patrimoine de l'Office comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de l'Office provient des sources suivantes:

1° allocations budgétaires de l'Etat;

2° subventions, dons et legs.

**Article 27: Audit du patrimoine et des finances de l'Office**

Chaque année, l'Office de l'Auditeur Général doit, au moyen d'un processus d'appel d'offres ouvert et concurrentiel, nommer un auditeur externe devant procéder à l'audit de l'Office. Le rapport de cet audit ainsi que le rapport sur l'audit effectué par l'Organisation Internationale des Institutions Supérieures de Contrôle des Finances Publiques dont fait l'objet chaque pays une fois tous les deux (2) ans sont soumis au Parlement, la Chambre des Députés et examinés par la Commission chargée du suivi de l'Utilisation des Finances et du Patrimoine de l'Etat.

**Ingingo ya 28: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

Mu mezi atatu (3) akurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ashyikiriza Umutwe w'Abadepite raporo y'ikoreshwa ry'imari y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta hagendewe ku biteganywa n'amategeko agenga imicungire y'umutungo n'imari bya Leta.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 29: Manda y'Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru wungirije bari mu mirimo**

Igihe cya manda y'Umugenzuzi Mukuru n'Umugenzuzi Mukuru Wungirije kivugwa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko gitangira kubarwa guhera igihe buri wese yatangiriye imirimo ye.

**Ingingo ya 30: Igihe cy'inzibacyucyo**

Ibyo uwari Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta wacyuye igihe yagenerwaga, akomeza kubihabwa mu gihe cyagenwe hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 28: Annual financial report**

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Auditor General shall submit to the Chamber of Deputies the annual financial report of the Office in accordance with laws governing the management of State finance and property.

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 29: Terms of office of the Auditor General and the Deputy Auditor General currently in office**

The duration of the term of office of the Auditor General and Deputy Auditor General provided for in Article 13 of this Law shall start to run from the date on which they took up their respective responsibilities.

**Article 30: Transitional period**

The Auditor General whose term of office expired shall continue to be granted the salary and other fringe benefits he/she was entitled to for the prescribed time limits in accordance with relevant laws.

**Article 28: Rapport financier annuel**

Dans les trois (3) mois qui suivent la clôture de l'année budgétaire, l'Auditeur Général soumet à la Chambre des Députés le rapport financier de l'Office conformément aux dispositions des lois régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.

**CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 29: Mandats de l'Auditeur Général et de l'Auditeur Général Adjoint actuellement en fonction**

La durée du mandat de l'Auditeur Général et de l'Auditeur Général Adjoint visé à l'article 13 de la présente loi commence à courir le jour où chacun a commencé à assumer ses fonctions.

**Article 30: Période transitoire**

L'Auditeur Général dont le mandat a expiré continue de bénéficier du salaire et des avantages qui lui étaient attribués dans les délais prévus conformément aux lois en la matière.

**<u>Ingingo ya 31</u>: Itegurwa, isuzumwa, n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranije n'iri tegeko**

Itegeko n° 05/98 ryo kuwa 04/06/1998 rishyiraho Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta n'ingingo z'amategeko zose abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 11/09/2013

**<u>Article 31</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 32</u>: Repealing provision**

Law n° 05/98 of 04/06/1998 establishing the Office of the Auditor General of State Finances and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**<u>Article 33</u>: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 11/09/2013

**<u>Article 31</u> : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 32</u>: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 05/98 du 04/06/1998 portant création de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 33</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 11/09/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice / Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°81/2013 RYO KUWA 11/09/2013 RISHYIRAHO IKIGEGA CYA LETA CYO GUSHYIGIKIRA NO GUTERA INKUNGA ABATISHOBOYE BAROKOTSE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YAKOZWE HAGATI Y'ITARIKI YA MBERE UKWAKIRA 1990 N'IYA 31 UKUBOZA 1994 RIKANAGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge**

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya FARG**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA FARG**

**Ingingo ya 5: Inshingano ya FARG**

**Ingingo ya 6: Ububasha bwa FARG**

**Ingingo ya 7: Ibyiciro by'abagenerwa inkunga**


**LAW N°81/2013 OF 11/09/2013 ESTABLISHING THE FUND FOR SUPPORT AND ASSISTANCE TO THE NEEDIEST SURVIVORS OF THE GENOCIDE AGAINST THE TUTSI COMMITTED BETWEEN 01 OCTOBER 1990 AND 31 DECEMBER 1994 AND DETERMINING ITS MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Legal personality and autonomy**

**Article 4: Head office of FARG**

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF FARG**

**Article 5: Mission of FARG**

**Article 6: powers of FARG**

**Article 7: Categories of beneficiaries of**


**LOI N° 81/2013 DU 11/09/2013 PORTANT CREATION DU FONDS DE SOUTIEN ET D'ASSISTANCE AUX RESCAPES LES PLUS NECESSITEUX DU GENOCIDE PERPETRE CONTRE LES TUTSI ENTRE LE 01 OCTOBRE 1990 ET LE 31 DECEMBRE 1994 ET DETERMINANT SA MISSION, SA COMPETENCE, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3 : Personnalité juridique et autonomie**

**Article 4: Siège de FARG**

**CHAPITRE II: MISSION ET COMPETENCE DE FARG**

**Article 5: Mission de FARG**

**Article 6: Compétence de FARG**

**Article 7: Catégories des bénéficiaires**

**assistance**

**d'assistance**

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA FARG N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 8: Urwego rureberera FARG n'icyiciro irimo**

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA FARG**

**Ingingo ya 9: Inzego z'Ubuyobozi za FARG**

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 10: Inama y'Ubuyobozi ya FARG**

**Ingingo ya 11: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

**Ingingo ya 12: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi**

**Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru**

**Ingingo ya 13: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa FARG**

**Ingingo ya 14: Sitati igenga abakozi ba FARG n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba FARG**

**Ingingo ya 15: Imiterere, imikorere**

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF FARG AND ITS CATEGORY**

**Article 8: Supervising authority of FARG and its category**

**CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF FARG**

**Article 9: Management organs of FARG**

**Section One: Board of Directors**

**Article 10: Board of Directors of FARG**

**Article 11: Sitting allowances for members of the Board of Directors**

**Article 12: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**

**Section 2: Directorate General**

**Article 13: Composition of the Directorate General of FARG**

**Article 14: Statute governing the staff of FARG and benefits of members of the Directorate General and staff of FARG**

**Article 15: Organization, functioning and**

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU FARG ET SA CATEGORIE**

**Article 8: Organe de tutelle du FARG et sa catégorie**

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU FARG**

**Article 9: Organes de direction du FARG**

**Section première: Conseil d'Administration**

**Article 10: Conseil d'Administration du FARG**

**Article 11: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**

**Article 12: Incompatibilités avec les fonctions de membre du Conseil d'Administration**

**Section 2: Direction Générale**

**Article 13: Composition de la Direction Générale du FARG**

**Article 14: Statut régissant le personnel du FARG et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel du FARG**

**Article 15: Organisation, fonctionnement**

| | | |
|---|---|---|
| **n'inshingano by'inzego z'imirimo za FARG** | **responsibilities of organs of FARG** | **et attributions des organes du FARG** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI** | **CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE** | **CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **Ingingo ya 16: Umutungo wa FARG n'inkomoko yawo** | **Article 16: Property of FARG and its sources** | **Article 16: Patrimoine du FARG et ses sources** |
| **Ingingo ya 17: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa FARG** | **Article 17: Use, management and audit of the property of FARG** | **Article 17: Utilisation, gestion et audit du patrimoine du FARG** |
| **Ingingo ya 18: Iyemezwa n'icungwa ry'ingengo y'imari ya FARG** | **Article 18: Approval and management of the budget of FARG** | **Article 18: Adoption et gestion du budget du FARG** |
| **Ingingo ya 19: Raporo y'umwaka w'ibaruramari** | **Article 19: Annual financial report** | **Article 19: Rapport annuel financier** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 20: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 20: Drafting, consideration and adoption of this law** | **Article 20: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 21: Repealing provision** | **Article 21: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 22: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 22: Commencement** | **Article 22: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 81/2013 RYO KUWA 11/9/2013 RISHYIRAHO IKIGEGA CYA LETA CYO GUSHYIGIKIRA NO GUTERA INKUNGA ABATISHOBOYE BAROKOTSE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI YAKOZWE HAGATI Y'ITARIKI YA MBERE UKWAKIRA 1990 N'IYA 31 UKUBOZA 1994 RIKANAGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 02 Kanama 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 01 Kanama 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo

**LAW N°81/2013 OF 11/9/2013 ESTABLISHING THE FUND FOR SUPPORT AND ASSISTANCE TO THE NEEDIEST SURVIVORS OF THE GENOCIDE AGAINST THE TUTSI COMMITTED BETWEEN 01 OCTOBER 1990 AND 31 DECEMBER 1994 AND DETERMINING ITS MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 02 August 2013;

The Senate, in its session of 01 August 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 9, 14, 17, 62, 66, 67, 88, 89,

**LOI N° 81/2013 DU 11/9/2013 PORTANT CREATION DU FONDS DE SOUTIEN ET D'ASSISTANCE AUX RESCAPES LES PLUS NECESSITEUX DU GENOCIDE PERPETRE CONTRE LES TUTSI ENTRE LE 01 OCTOBRE 1990 ET LE 31 DECEMBRE 1994 ET DETERMINANT SA MISSION, SA COMPETENCE, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 02 août 2013;

Le Sénat, en sa séance du 01 août 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9, 14, 17, 62, 66, 67,

zaryo, iya 9, iya 14, iya 17, 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 183 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n$^0$ 06/2009/OL ryo ku wa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Isubiye ku Itegeko n° 69/2008 ryo ku wa 30/12/2008 rishyiraho Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 rikagena imiterere, ububasha n'imikorere byacyo;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi, yakozwe hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994, cyitwa "FARG" mu magambo ahinnye y'Igifaransa. Iri tegeko rigena kandi inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byacyo.

90, 92, 93, 94, 95, 108, 183 and 201;

Pursuant to the Organic Law n$^o$ 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions as modified and complemented to date;

Having reviewed Law n$^o$ 69/2008 of 30/12/2008 relating to the establishment of the Fund for the support and assistance to the survivors of the genocide against Tutsi and other crimes against humanity committed between 1$^{st}$ October 1990 and 31$^{st}$ December 1994, and determining its organization, powers and functioning;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes the Fund for Support and Assistance to the neediest Survivors of the Genocide against the Tutsi committed between 01 October 1990 and 31 December 1994, abbreviated as "FARG" in French. It also determines its mission, powers, organization and functioning.

88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 183 et 201;

Vu la Loi Organique n$^o$ 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour;

Revu la Loi n$^o$ 69/2008 du 30/12/2008 portant création, organisation, compétences et fonctionnement du Fonds de soutien et d'assistance aux rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi porte création du Fonds de Soutien et d'Assistance aux Rescapés les plus nécessiteux du Génocide perpétré contre les Tutsi entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994 « FARG » en sigle. Elle détermine également sa mission, ses compétences, son organisation et son fonctionnement.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **abarokotse jenoside:** abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994;

2° **Ikigega:** Ikigo cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi yakozwe hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994;

3° **inkunga:** inkunga yo gushyigikira abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994;

4° **Jenoside yakorewe Abatutsi:** jenoside yakozwe hagati y'itariki ya 01 Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994;

*5°* **urwego rwa mbere:** urwego rurimo abateguye Jenoside, bakanayishishikariza abandi kuyishyira mu bikorwa, baba abaciriwe imanza n'Inkiko Gacaca, cyangwa Inkiko zisanzwe, zaba izo mu Rwanda cyangwa mu bindi Bihugu, cyangwa Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda mu rwego rwo gukurikirana no guhana icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

**Article 2: Definitions of terms**

As used in this Law, the following terms shall have the following meanings:

**1° survivors:** survivors of the Genocide against the Tutsi committed between 01 October 1990 and 31 December 1994;

**2° Fund:** Fund for support and assistance to the neediest survivors of the Genocide against the Tutsi committed between 01 October 1990 and 31 December 1994;

**3° assistance:** support to the neediest survivors of the Genocide against the Tutsi committed between 01 October 1990 and 31 December 1994;

**4° Genocide against the Tutsi:** Genocide committed between 01 October 1990 and 31 December 1994;

**5° first category:** a category that includes those who planned, incited the commission of the Genocide, either those who have been tried by Gacaca Court or other ordinary courts in Rwanda or in other countries or by the International Criminal Tribunal for Rwanda in the framework of prosecuting and punishing the crime of Genocide against the Tutsi.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

**1° rescapés:** rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994 ;

**2° Fonds :** Fonds de soutien et d'assistance aux rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994 ;

**3° assistance:** soutien en faveur des rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994;

**4° Génocide perpétré contre les Tutsi:** génocide commis entre le 01 octobre 1990 et le 31 décembre 1994;

**5° première catégorie** : catégorie qui comprend ceux qui ont planifié, incité à commettre le génocide, que ce soit ceux qui ont été jugés par des tribunaux Gacaca ou d'autres juridictions ordinaires au Rwanda ou dans d'autres pays ou par le Tribunal Pénal International pour le Rwanda dans le cadre de poursuite et de répression du crime de génocide perpétré contre les Tutsi.

**Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi n'ubwigenge**

FARG ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

**Ingingo ya 4: Icyicaro cya FARG**

Icyicaro cya FARG kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

FARG ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu mu gihe bibaye ngombwa bimaze kwemezwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA FARG**

**Ingingo ya 5: Inshingano ya FARG**

FARG ifite inshingano yo guteza imbere imibereho myiza y'abatishoboye barokotse jenoside yakorewe abatutsi.

**Ingingo ya 6: Ububasha bwa FARG**

FARG ifite ububasha bwo:

1° gukurikirana no guhuza ibikorwa byose byerekeranye no gukusanya inkunga iteganywa n'iri tegeko igenewe

**Article 3: Legal personality and autonomy**

FARG shall have legal personality, administrative and financial autonomy and shall be managed in accordance with laws governing public institutions.

**Article 4 : Head office of FARG**

The head office of FARG shall be located in the Kigali City, the capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda whenever it is necessary.

FARG may have branches elsewhere in the country if necessary and upon approval by a Prime Minister's Order.

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF FARG**

**Article 5: Mission of FARG**

The mission of FARG is to promote the social welfare of the neediest survivors of the Genocide against the Tutsi.

**Article 6: Powers of FARG**

FARG shall have the following powers:

1° to monitor and coordinate all the activities relating to the collection of the assistance provided for by this Law for the benefit of

**Article 3 : Personnalité juridique et autonomie**

FARG est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux dispositions générales applicables aux établissements publics.

**Article 4: Siège de FARG**

Le siège de FARG est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

FARG peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur approbation par arrêté du Premier Ministre.

**CHAPITRE II: MISSION ET COMPETENCE DU FARG**

**Article 5: Mission de FARG**

La mission de FARG est de promouvoir le bien-être social des rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi.

**Article 6: compténce de FARG**

La compétence de FARG est la suivante:

1° assurer le suivi et la coordination de toutes les activités de collecte de l'assistance prévue par la présente loi

abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi;

2° gufasha abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi kwifasha, bagenerwa inkunga zitandukanye zigamije kubazamurira imibereho;

3° gushakira amacumbi abasaza n'abakecuru b'incike cyangwa bigaragara ko batishoboye, imfubyi, abapfakazi, abamugajwe na jenoside yakorewe Abatutsi, badafite icumbi;

4° kurihira amashuri abana basizwe iheruheru na jenoside yakorewe Abatutsi kugeza nibura barangije icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru ;

5° kuvuza abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi , abatewe ubumuga na jenoside yakorewe Abatutsi, abandujwe indwara zidakira zatewe n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina zirimo n'icyorezo cya SIDA;

6° kugenera inkunga ihoraho y'amafaranga ku bageze mu za bukuru basizwe iheruheru na jenoside yakorewe Abatutsi n'abandi batewe ubumuga butuma ntacyo bakimarira bagenwa n'Inama

the neediest survivors of Genocice against the Tutsi;

2° to assist the neediest survivors of Genocide against the Tutsi in sustaining themselves by providing them with various support to improve their living conditions;

3° to find housing for homeless elderly left childless or who are known to be destitute, orphans, widows, widowers and those who have become disabled as a result of the Genocide against the Tutsi;

4° to pay tuition fees for the helpless students survivors of the Genocide against the Tutsi at least up to the undergraduate level;

5° to pay for medical care for the neediest survivors of the Genocide against the Tutsi, those who have become disabled as a result of Genocide against the Tutsi, those infected with incurable diseases caused by gender-based violence including HIV/AIDS;

6° to determine permanent financial assistance to elderly survivors who have become destitute due to the Genocide against the Tutsi, and those suffering from a disability preventing them from

destinée aux rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi;

2° aider les rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi à s'auto-suffire en leur fournissant des appuis divers visant l'amélioration de leurs conditions de vie;

3° chercher des logements en faveur des personnes âgées n'ayant plus de descendance ou notoirement indigentes, des orphelins, des veuves et veufs et des invalides à la suite du génocide perpétré contre les Tutsi qui sont sans abri;

4° payer les frais de scolarité en faveur des enfants démunis rescapés du génocide perpétré contre les Tutsi jusqu'à la fin du premier cycle des études supérieures au moins ;

5° faire soigner les rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi, ceux qui ont été rendus invalides par le génocide perpétré contre les Tutsi, ceux qui souffrent des maladies incurables issues de la violence sexuelle y compris le VIH/ SIDA;

6° allouer une rente viagère aux rescapés âgés devenus démunis suite au génocide perpétré contre les Tutsi ainsi qu'à ceux qui souffrent d'un handicap qui les empêche à s'auto-suffire et qui sont

y'Ubuyobozi ya FARG.

**Ingingo ya 7: Ibyiciro by'abagenerwa inkunga**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'iri tegeko, FARG ifasha ku buryo bw'umwihariko abantu barokotse jenoside yakorewe Abatutsi batishobye bari mu byiciro bikurikira:

1° abagizwe impfubyi n'abapfakajwe na jenoside yakorewe Abatutsi;

2° abageze mu zabukuru bagizwe incike na jenoside yakorewe Abatutsi;

3° abasenyewe inyubako, abasahuwe imitungo inyuranye n'abasigiwe imyenda y'amabanki bitewe na jenoside yakorewe Abatutsi;

4° abamugajwe na jenoside yakorewe Abatutsi hashingiwe ku buremere bw'ubumuga bwabo; abandujwe agakoko gatera SIDA; ababyeyi barokotse jenoside yakorewe Abatutsi n'ababana n'izindi ndwara zidakira batewe mu gihe cya jenoside yakorewe Abatutsi ;

sustaining themselves as may be determined by the Board of Directors of FARG.

**Article 7: Categories of beneficiaries of assistance**

Subject to the provisions of Article 6 of this Law, FARG shall particularly assist the neediest survivors of the Genocide against the Tutsi who fall under the following categories:

1° orphans and widows of the Genocide against the Tutsi;

2° elderly people who were left childless during the Genocide against the Tutsi;

3° survivors whose houses were destroyed, property looted and those who inherited loans from banks due to the genocide against the Tutsi;

4° survivors with physical disability due to the Genocide against the Tutsi in consideration of the degree of their disability, those infected with HIV/AIDS, surviving mothers of Genocide against the Tutsi and those living with chronic diseases infected during the Genocide against the Tutsi;

déterminés par le Conseil d'Administration du FARG.

**Article 7: Catégories des bénéficiaires d'assistance**

Sous réserve des dispositions de l'article 6 de la présente loi, FARG assiste les rescapés les plus nécessiteux du génocide perpétré contre les Tutsi qui sont dans les catégories suivantes:

1° les orphelins et veuves du Génocide perpétré contre les Tutsi;

2° les personnes âgées qui ont perdu leur descendance entière pendant le génocide perpétré contre les Tutsi;

3° les recapés dont les maisons ont été détruites, les biens ont été pillés et ceux qui ont hérité de prêts auprès des banques en raison du génocide perpétré contre les Tutsi;

4° les rescapés ayant un handicap dû au génocide perpétré contre les Tutsi tenant compte du degré de leur handicap, ceux qui ont été infectés par le VIH/SIDA, les mères rescapées du génocide perpétré contre les Tutsi, ceux vivant avec les maladies chroniques contractées pendant le génocide perpétré contre les Tutsi ;

5° abana b'abakobwa barokotse jenoside yakorewe Abatutsi babyaye bataragera ku myaka cumi n'umunani (18) kubera ubuzima bubi batewe na jenoside yakorewe Abatutsi.

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA FARG N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 8: Urwego rureberera FARG n'icyiciro irimo**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera FARG n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera FARG n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza FARG ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Urwego rufata ibyemezo rwa FARG.

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA FARG**

**Ingingo ya 9: Inzego z'Ubuyobozi za FARG**

FARG igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;

5° children under eighteen (18) years survivors of the Genocide against the Tutsi who are single mothers due to poor living conditions resulting from the Genocide against the Tutsi.

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF FARG AND ITS CATEGORY**

**Article 8: Supervising authority of FARG and its category**

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of FARG and its category.

There shall be concluded between the supervising organ of FARG and its decision- making organ a performance contract indicating competences, rights and obligations of each party in order for FARG to fulfil its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision-making organ of FARG.

**CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF FARG**

**Article 9: Management organs of FARG**

FARG shall be comprised of the following two (2) management organs:

1° the Board of Directors;

5° les jeunes filles de moins de dix-huit (18) ans rescapées du génocide perpétré contre les Tutsi devenues mères célibataires suite à de mauvaises conditions liées aux conséquences du génocide perpétré contre les Tutsi.

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DU FARG ET SA CATEGORIE**

**Article 8: Organe de tutelle du FARG et sa catégorie**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de FARG et sa catégorie.

Il est conclu entre l'organe de tutelle du FARG et l'organe de prise de décisions un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission du FARG.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de prise de décisions du FARG.

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE FARG**

**Article 9: Organes de direction du FARG**

FARG est doté de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration ;

2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa, kugira ngo FARG ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inama y'Ubuyobozi**

**<u>Ingingo ya 10:</u> Inama y'Ubuyobozi ya FARG**

Inama y'Ubuyobozi ya FARG ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'inshingano by'abayigize n'igihe bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi-Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

**<u>Ingingo ya 11:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida.

2° the Directorate General.

A Prime Minister's Order may determine other necessary organs in order for FARG to fulfil its mission.

**<u>Section One</u>: Board of Directors**

**<u>Article 10:</u> Board of Directors of FARG**

